



UMURYANGO W'ABIBUMBYE

Urwego Mpuzamahanga Rwashyiriweho Gukora Imirimo y'Insigarira y'Inkiko Mpanabyaha

Urwego Mpuzamahanga Rwashyiriweho Gukora Imirimo y'Insigarira y'Inkiko Mpanabyaha ("IRMCT") rwashyizweho n'Inama Ishinzwe Amahoro ku Isi y'Umuryango w'Abibumbye ku itariki ya 22 Ukuboza 2010 kugira ngo rukomeze ububasha, uburenganzira, inshingano n'imirimo y'ingenzi by'Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho u Rwanda (TPIR) n'Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho icyahozze ari Yugosilaviya (TPIY) zarangije manda zazo mu mwaka wa 2015 n'uwa 2017, uko zikurikirana.

IFISHE Y'AMAKURU KU RUBANZA

Hashingiwe ku Ngingo ya 3 y'Ingingo z'inzibacyuho, IRMCT ifite ububasha bwo kuburanisha imanza zaciwe na TPIR zigomba gusubirwamo iyo ibyifuzo bisaba kuzisubirishamo byatanzwe ku itariki ya 1 Nyakanga 2012 cyangwa nyuma yayo.

MICT-13-38

FÉLICIEN KABUGA



Mu gihe cyakorewemo ibyaha bivugwa mu Nyandiko y'ibirego, Félicien Kabuga yari Perezida wa Komite y'agateganyo y'Ikigega cyo kurengera igihugu (*Fonds de Défense Nationale*) kuva ahagana ku itariki ya 25 Mata 1994 kugera muri Nyakanga 1994, akaba na Perezida wa Komite yatangije Radiyo RTLM (*Comité d'Initiative de la Radio Télévision Libre des Mille Collines*).

Umwaka yavutsemo n'aho yavukiye

Mu mwaka wa 1935, muri Segiteri ya Muniga, Komine ya Mukarange, Perefegitura ya Byumba

Inyandiko y'ibirego

Inyandiko y'ibirego igenderwaho yatanzwe ku itariki ya 14 Mata 2011

Ifatwa

Yafatiwe Asnières-sur-Seine, mu Bufaransa, ku itariki ya 16 Gicurasi 2020

Urugereko rwa Mbere rw'Iremezo rwa IRMCT

Umucamanza lain Bonomy, Perezida
Umucamanza Graciela Susana Gatti Santana
Umucamanza Elizabeth Ibanda-Nahamya

Aho urubanza rugeze

Icyiciro mbanzizarubanza

IBURANISHA RY'URUBANZA MURI IRMCT

IRMCT yahawe ububasha bwo kuburanisha uru rubanza yasigiwe na TPIR, kuva itangiye imirimo yayo ku itariki ya 1 Nyakanga 2012.

Ku itariki ya 29 Mata 2013, Vagn Joensen, Umucamanza umwe rukumbi, yatanze Urwandiko rwo gufata n'Itegeko ryo kwimura bisaba ibihugu bigize Umuryango w'Abibumbye byose gushakisha Kabuga, kumufata no kumushyikiriza Ishami rya IRMCT ry'Arusha. Hashingiwe ku Cyemezo cya 1966 (2010) cy'Inama Ishinzwe Amahoro ku Isi, ibihugu byose bifite inshingano yo gufatanya na IRMCT mu gushakisha abaregwa batarafatwa, kubafata, kubafunga, kubimura no kubashyikiriza urukiko bireba.

Ku itariki ya 16 Gicurasi 2020, abayobozi b'u Bufaransa bafatiye Kabuga hafi y'i Paris, nyuma y'iperereza bari bamaze igihe bakora bafatanyije n'Ibiro bya Porokireri wa IRMCT.

Ku itariki ya 30 Nzeri 2020, Urukiko rusesa imanza rw'u Bufaransa rwanze ubujurire bwa Kabuga ku Cyemezo cy'Urukiko rw'ibanze, cyemeje ko agomba gushyikirizwa IRMCT.



Ku itariki ya 1 Ukwakira 2020, Perezida Carmel Agius yashyizeho Urugereko rwa Mbere rw'Iremezo rugizwe n'Abacamanza lain Bonomy, Perezida, Graciela Susana Gatti Santana na Elizabeth Ibanda-Nahomya, ruzaburanisha uru rubanza kuva igihe Kabuga yimuriwe ku cyicaro cy'Ishami rya IRMCT bireba.

Ku itariki ya 21 Ukwakira 2020, Umucamanza lain Bonomy yahinduye Urwandiko rwo gufata n'Itegeko ryo kwimura, anategeka ko Kabuga yimurirwa ku Ishami rya IRMCT ry'i Lahe.

Kabuga yashyikirijwe IRMCT ku itariki ya 26 Ukwakira 2020. Umuhango wo kwitaba Urukiko bwa mbere wabaye ku itariki ya 11 Ugushyingo 2020. Muri uwo muhango, Kabuga yahakanye ibyaha byose aregwa mu Nyandiko y'ibirego.

AMAKURU Y'IBANZE KU RUBANZA

INYANDIKO Y'IBIREGO

Félicien Kabuga aregwa icyaha cya jenocide, kuba icyitso cy'abakoze jenocide, guhamagarira abantu ku mugaragaro kandi mu buryo butaziguye gukora jenocide, ubwinjiracyaha bwa jenocide, ubwumvikane bugamije gukora jenocide, itoteza n'itsembatsemba nk'ibyaha byibasiye inyokomuntu byakorewe mu Rwanda mu mwaka wa 1994.

Mu Nyandiko y'ibirego havugwa ko Kabuga, afatanyije n'abandi bantu, yakoresheje radiyo RTLM mu buryo bugamije gushimangira urwango rushingiye ku moko hagati y'Abahutu n'abantu bafatwaga nk'Abatutsi no gusakaza ubutumwa burwanyaga Abatutsi hagamijwe gukora ibyaha byavuzwe haruguru. Bivugwa kandi ko Kabuga yategetse, yafashije akanoshya Interahamwe zagize uruhare mu kwica no kugirira nabi abantu bafatwaga nk'Abatutsi mu Maperefegitura ya Kigali, Kibuye na Gisenyi.

Byongeye kandi, bivugwa ko, afatanyije n'abandi bantu, Kabuga yashyizeho ikigega cyo kurengera igihugu hagamijwe gukusanya amafaranga yo gushyigikira, mu rwego rw'imari n'ibikoresho, ibikorwa by'Interahamwe byo kwica no kugirira nabi Abatutsi. Bivugwa kandi ko Kabuga, afatanyije n'abandi bantu, yiyemeje gutegura, gushyiraho no gutera inkunga y'imari umutwe w'abantu bitwaraga gisirikare bitwaga Interahamwe za Kabuga muri Segiteri ya Kimironko, i Kigali, wari ufite intego yo gushimangira urwango rushingiye ku moko hagati y'Abahutu n'Abatutsi muri Segiteri ya Kimironko kugira ngo bagere ku ntego yo gukora jenocide yibasiye abantu bafatwaga nk'Abatutsi. Bivugwa kandi ko Kabuga yatumye abantu bakora ibyaha, abahamagarira gukora jenocide cyangwa avuga amagambo arangwa n'itoteza mu manama anyuranye n'ahantu hatandukanye mu Rwanda hagati ya Gashyantare cyangwa Werurwe 1994 na Gicurasi 1994.

Mu Nyandiko y'ibirego havugwa kandi ko RTLM, yashinzwe na Kabuga n'abandi bantu, yahamagariraga abantu mu buryo butaziguye kandi mu ruhame gukora jenocide mu biganiriro byavugaga ku buryo bweruye ko abantu ari Abatutsi, ikaranga aho baherereye, igasobanura ko ari abanzi, ikanahamagarira abantu kubatsemba.

Mu Nyandiko y'ibirego havugwa ko muri icyo gihe, mu Rwanda hose hari ibitero rusange kandi/cyangwa biri kuri gahunda byibasiraga abaturage b'abasivire bazira ko ari Abatutsi. Muri ibyo bitero, Abanyarwanda bamwe bishe bamwe mu bantu bafatwaga nk'Abatutsi cyangwa bateza abandi ububabare buzahaza umubiri.

Ibyaha aregwa mu Nyandiko y'ibirego ni ibi:

Ikirego kimwe cya jenocide (Ikirego cya 1)

Ikirego kimwe cyo kuba icyitso cy'abakoze jenocide (Ikirego cya 2)

Ikirego kimwe cyo guhamagarira abantu, mu buryo butaziguye kandi mu ruhame gukora jenocide (Ikirego cya 3)

Ikirego kimwe cy'ubwinjiracyaha bwa jenocide (Ikirego cya 4)

Ikirego kimwe cy'ubwumvikane bugamije gukora jenocide (Ikirego cya 5)

Ibirego bibiri by'ibyaha byibasiye inyokomuntu

- Itoteza (Ikirego cya 6)
- Itsembatsemba (Ikirego cya 7)

Ukeneye andi makuru arambuye wasura urubuga rwa interinete rwa IRMCT www.irmct.org.
Ibibazo by'itangazamakuru byoherezwa kuri imeyiri mict-press@un.org.